**ITEGEKO Nº37/2016 RYO KU WA 08/09/2016 RIGENA IMITUNGANYIRIZE, IFASI, UBUBASHA N'IMIKORERE BYA KOMITE Y'ABUNZI**

**LAW Nº37/2016 OF 08/09/2016 DETERMINING ORGANISATION, JURISDICTION, COMPETENCE AND FUNCTIONING OF AN *ABUNZI* COMMITTEE**

**LOI Nº37/2016 DU 08/09/2016 DETERMINANT L'ORGANISATION, RESSORT, COMPETENCE ET FONCTIONNEMENT DU COMITE D'*ABUNZI***

## ISHAKIRO

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

**Ingingo ya 2: Ishyirwaho rya Komite y'Abunzi ku rwego rw'Akagari n'urw'Umurenge**

**Ingingo ya 3 : Ibisobanuro by'amagambo**

**Ingingo ya 4: Urwego rushinzwe kunga**

**Ingingo ya 5: Ibisabwa kugira ngo ikibazo cyakirwe na Komite y'Abunzi**

**UMUTWE WA II: IMITUNGANYIRIZE YA KOMITE Y'ABUNZI**

## TABLE OF CONTENTS

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

**Article 2: Establishment of an *Abunzi* Committee at the Cell and Sector levels**

**Article 3: Definitions of terms**

**Article 4: Conciliation organ**

**Article 5: Conditions for admissibility of a dispute referred to the *Abunzi* Committee**

**CHAPTER II: ORGANISATION OF THE *ABUNZI* COMMITTEE**

## TABLE DES MATIERES

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

**Article 2: Création d'un Comité d'*Abunzi* au niveau de Cellule et de Secteur**

**Article 3: Définitions des termes**

**Article 4: Organe de conciliation**

**Article 5: Conditions de recevabilité du litige devant le Comité d'*Abunzi***

**CHAPITRE II: ORGANISATION DU COMITE D'*ABUNZI***

**<u>Ingingo ya 6</u>: Abagize Komite y'Abunzi n'igihe manda yabo imara**

**<u>Ingingo ya 7</u>: Amatora y'abagize Komite y'Abunzi**

**<u>Ingingo ya 8</u>: Indahiro y'Abunzi**

**<u>Ingingo ya 9</u>: Biro ya Komite y'Abunzi**

**<u>UMUTWE WA III</u>: UBUBASHA BWA KOMITE Y'ABUNZI**

**<u>Ingingo ya 10</u>: Ububasha bwa Komite y'Abunzi bushingiye ku kibazo cy'imbonezamubano**

**<u>Ingingo ya 11</u>: Komite y'Abunzi ifite ububasha bwo gusuzuma ikibazo**

**<u>Ingingo ya 12</u>: Komite y'Abunzi ifite ububasha bwo gusuzuma ikibazo cyerekeye umutungo w'ubutaka uri mu mafasi menshi**

**<u>UMUTWE WA IV</u>: IMIKORERE YA KOMITE Y'ABUNZI**

**<u>Icyiciro cya mbere</u>: Isuzumwa ry'ikibazo cyashyikirijwe Komite y'Abunzi**

**<u>Article 6</u>: Composition of the *Abunzi* Committee and term of office of its members**

**<u>Article 7</u>: Elections of *Abunzi* Committee members**

**<u>Article 8</u>: Oath of office of *Abunzi***

**<u>Article 9</u>: Bureau of the *Abunzi* Committee**

**<u>CHAPTER III</u>: COMPETENCE OF THE *ABUNZI* COMMITTEE**

**<u>Article 10</u>: Subject-matter competence of the *Abunzi* Committee in civil matters**

**<u>Article 11</u>: *Abunzi* Committee which is competent to examine a dispute**

**<u>Article 12</u>: *Abunzi* Committee competent to determine a dispute involving land property located in different territorial jurisdictions**

**<u>CHAPTER IV</u>: FUNCTIONING OF THE *ABUNZI* COMMITTEE**

**<u>Section One</u>: Consideration of the dispute referred to the *Abunzi* Committee**

**<u>Article 6</u>: Composition du Comité d'*Abunzi* et durée du mandat de ses membres**

**<u>Article 7</u>: Election des membres du Comité d'*Abunzi***

**<u>Article 8</u>: Serment d'*Abunzi***

**<u>Article 9</u>: Bureau du Comité d'*Abunzi***

**<u>CHAPITRE III</u>: COMPETENCE DU COMITE D'*ABUNZI***

**<u>Article 10</u>: Compétence matérielle du Comité d'*Abunzi* en matière civile**

**<u>Article 11</u>: Comité d'*Abunzi* compétent pour connaître un litige**

**<u>Article 12</u>: Comité d'*Abunzi* compétent pour connaître d'un litige impliquant une propriété foncière située dans des ressorts différents**

**<u>CHAPITRE IV</u>: FONCTIONNEMENT DU COMITE D'*ABUNZI***

**<u>Section première</u>: Examen du litige soumis au Comité d'*Abunzi***

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 13: Gushyikiriza ikibazo Komite y'Abunzi** | **Article 13: Referring a dispute to the *Abunzi* Committee** | **Article 13: Saisine du Comité d'*Abunzi*** |
| **Ingingo ya 14: Ihamagazwa ry'uregwa** | **Article 14: Summoning the respondent** | **Article 14: Convocation du défendeur** |
| **Ingingo ya 15: Guhitamo Abunzi** | **Article 15: Choosing *Abunzi*** | **Article 15: Choix des *Abunzi*** |
| **Ingingo ya 16: Inteko isuzuma ikibazo cyerekeye Komite y'Abunzi cyangwa benshi mu bayigize** | **Article 16: *Abunzi* Panel to examine a dispute involving *Abunzi* Committee or the majority of its members** | **Article 16: Le Panel d'*Abunzi* devant connaître un litige impliquant le Comité d'*Abunzi* ou la majorité de ses membres** |
| **Ingingo ya 17: Uburyo kunga bikorwamo** | **Article 17: Conciliation procedure** | **Article 17: Procédure de conciliation** |
| **Ingingo ya 18: Gukemura ikibazo umwe mu bagifitanye adahari** | **Article 18: Decision rendered by default** | **Article 18: Décision rendue par défaut** |
| **Ingingo ya 19: Uburenganzira bwo kugoboka mu kibazo gisuzumwa n'Inteko y'Abunzi** | **Article 19: Right to intervene in a dispute under examination by *Abunzi* Panel** | **Article 19 : Droit d'intervenir dans un litige sous examen du Panel d'*Abunzi*** |
| **Icyiciro cya 2: Ifatwa ry'umwanzuro** | **Section 2: Rendering a verdict** | **Section 2 : Rendre le verdict** |
| **Ingingo ya 20: Kwiherera no gufata icyemezo** | **Article 20: Deliberations and decision making** | **Article 20: Délibéré et prise de décision** |
| **Ingingo ya 21: Ibikubiye mu mwanzuro wa Komite y'Abunzi** | **Article 21: Content of the verdict of *Abunzi* Committee** | **Article21 : Contenu du verdict du Comité d'*Abunzi*** |
| **Ingingo ya 22: Agaciro k'umwanzuro wa Komite y'Abunzi** | **Article 22: Force of *Abunzi* verdict** | **Article 22: Force du verdict d'*Abunzi*** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 23: Gusaba gusobanura cyangwa gukosora umwanzuro wa Komite y'Abunzi** | **Article 23: Request for clarification or correction of the verdict of the *Abunzi* Committee** | **Article 23 : Demande de clarification ou de rectification du verdict du Comité d'*Abunzi*** |
| **Icyiciro cya 3: Inzira zo kujurira** | **Section 3: Appeal procedures** | **Section 3: Voies de recours** |
| **Ingingo ya 24: Gusubirishamo umwanzuro wafashwe na Komite y'Abunzi** | **Article 24: Opposition against the verdict rendered by *Abunzi* Committee** | **Article 24: Opposition contre le verdict rendu par le Comité d'*Abunzi*** |
| **Ingingo ya 25: Kujuririra umwanzuro wafashwe na Komite y'Abunzi ku rwego rw'Akagari** | **Article 25: Appealing against a verdict rendered by *Abunzi* Committee at the Cell level** | **Article 25: Appel contre le verdict rendu par le Comité d'*Abunzi* au niveau de Cellule** |
| **Ingingo ya 26: Gutambamira umwanzuro wafashwe na Komite y'Abunzi** | **Article 26: Opposition by a third party against *Abunzi* Committee's verdict** | **Article 26: Tierce opposition contre le verdict du Comité d'*Abunzi*** |
| **Icyiciro cya 4:Kuregera urukiko** | **Section 4: Filing a case with the court** | **Section 4 : Saisine de la juridiction** |
| **Ingingo ya 27: Kuregera Urukiko rw'Ibanze** | **Article 27: Filing a case with the Primary Court** | **Article 27: Saisine du Tribunal de Base** |
| **Ingingo ya 28: Ingingo zisuzumwa n'urukiko rwaregewe** | **Article 28: Points to be examined by the court referred to** | **Article 28: Points devant être examinés par la juridiction saisie** |
| **Icyiciro cya 5: Ishyirwa mu bikorwa ry'umwanzuro wa Komite y'Abunzi** | **Section 5: Execution of *Abunzi* Committee's verdict** | **Section 5 : Exécution du verdict du Comité d'*Abunzi*** |
| **Ingingo ya 29: Ishyirwa mu bikorwa ry'umwanzuro wa Komite y'Abunzi** | **Article 29: Execution of *Abunzi* Committee's verdict** | **Article 29: Exécution du verdict du Comité d'*Abunzi*** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 30: Ikibazo kivutse mu irangiza ry'umwanzuro wa Komite y'Abunzi** | **Article 30: Dispute arising from the execution of *Abunzi* Committee verdict** | **Article 30: Litige né de l'exécution du verdict du Comité d'*Abunzi*** |
| **Icyiciro cya 6: Imyitwarire ya Komite y'Abunzi** | **Section 6: *Abunzi* Committee code of conduct** | **Section 6: Code de conduite du Comité d'*Abunzi*** |
| **Ingingo ya 31: Imyitwarire y'Abunzi** | **Article 31: *Abunzi* code of conduct** | **Article 31: Code de conduite d'*Abunzi*** |
| **Ingingo ya 32: Ihagarikwa ry'umwe mu bagize Komite y'Abunzi** | **Article 32: Suspension of a member of *Abunzi* Committee** | **Article 32: Suspension d'un membre du Comité d'*Abunzi*** |
| **UMUTWE WA V: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA** | **CHAPTER V: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE V: DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES** |
| **Icyiciro cya mbere: Ingingo zinyuranye** | **Section One: Miscellaneous provisions** | **Section première : Dispositions diverses** |
| **Ingingo ya 33: Urwego rukurikirana ibikorwa bya Komite z'Abunzi** | **Article 33: Organ in charge of supervising activities of *Abunzi* Committees** | **Article 33: Organe chargé de la supervision des activités des Comités d'*Abunzi*** |
| **Ingingo ya 34: Irangira rya manda y'Abunzi bariho** | **Article 34: Termination of the term of office of incumbent *Abunzi*** | **Article 34: Echéance du mandat d'*Abunzi* en service** |
| **Ingingo ya 35: Ibarwa ry'ibihe biteganyijwe muri iri tegeko** | **Article 35: Computation of time limits provided for under this Law** | **Article 35 : Calcul des délais prévus à la présente loi** |
| **Icyiciro cya 2: Ingingo z'inzibacyuho** | **Section 2: Transitional provisions** | **Section 2 : Dispositions transitoires** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 36</u>: Ibibazo by'imbonezamubano byari byarashyikirijwe Komite y'Abunzi** | **<u>Article 36</u>: Civil disputes pending before *Abunzi* Committee** | **<u>Article 36</u>: Litiges en matière civile pendants devant le Comité d'*Abunzi*** |
| **<u>Ingingo ya 37</u>: Ibirego byashyikirijwe Komite y'Abunzi** | **<u>Article 37:</u> Cases filed to *Abunzi* Committee** | **<u>Article 37:</u> Actions introduites devant le Comité d'*Abunzi*** |
| **<u>Ingingo ya 38</u>: Agaciro k'ibyakozwe** | **<u>Article 38</u>: Validity of actions taken** | **<u>Article 38</u> : Validité des actes posés** |
| **<u>Ingingo ya 39</u>: Uburyo bwo guhererekanya amadosiye n'igihe bikorwamo** | **<u>Article 39:</u> Procedure and period of handover of files** | **<u>Article 39:</u> Procédure et période de remise et reprise des dossiers** |
| **<u>Icyiciro cya 3</u>: Ingingo zisoza** | **<u>Section 3</u>: Final provisions** | **<u>Section 3</u>: Dispositions finales** |
| **<u>Ingingo ya 40</u>: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko** | **<u>Article 40</u>: Repealing provision** | **<u>Article 40</u>: Disposition abrogatoire** |
| **<u>Ingingo ya 41</u>: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko** | **<u>Article 41:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law** | **<u>Article 41</u>: Initiation, examen et adoption de la présente loi** |
| **<u>Ingingo ya 42</u>: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa** | **<u>Article 42</u>: Commencement** | **<u>Article 42</u>: Entrée en vigueur** |

**ITEGEKO Nº37/2016 RYO KU WA 08/09/2016 RIGENA IMITUNGANYIRIZE, IFASI, UBUBASHA N'IMIKORERE BYA KOMITE Y'ABUNZI**

**LAW Nº37/2016 OF 08/09/2016 DETERMINING ORGANISATION, JURISDICTION, COMPETENCE AND FUNCTIONING OF AN *ABUNZI* COMMITTEE**

**LOI Nº37/2016 DU 08/09/2016 DETERMINANT L'ORGANISATION, RESSORT, COMPETENCE ET FONCTIONNEMENT DU COMITE D'*ABUNZI***

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

**THE PARLIAMENT:**

**LE PARLEMENT:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 28 Nyakanga 2016;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 120, iya 141 n'iya 176;

The Chamber of Deputies, in its session of 28 July 2016;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120, 141 and 176;

La Chambre des Députés, en sa séance du 28 juillet 2016 ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120, 141 et 176;

**YEMEJE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rigena imitunganyirize, ifasi, ububasha n'imikorere bya Komite y'Abunzi.

**Ingingo ya 2: Ishyirwaho rya Komite y'Abunzi ku rwego rw'Akagari n'urw'Umurenge**

Hashyizweho, ku rwego rw'Akagari, Komite y'Abunzi ifite ifasi ingana n'Akagari. Hashyizweho kandi, ku rwego rw'Umurenge, urwego rw'ubujurire rwa Komite y'Abunzi rufite ifasi ingana n'Umurenge.

**Ingingo ya 3 : Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

1º **icyemezo:** icyemezo gifatwa n'Inteko y'Abunzi mu mwiherero kikamenyeshwa abari bafitanye ikibazo ako kanya kunga

**ADOPTS:**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

This Law determines the organisation, jurisdiction, competence and functioning of *Abunzi* Committee.

**Article 2: Establishment of an *Abunzi* Committee at the Cell and Sector levels**

There is established an *Abunzi* Committee at the Cell level with jurisdiction over the Cell. An *Abunzi* Committee of appeal at the Sector level with jurisdiction over the Sector is also established.

**Article 3: Definitions of terms**

For purposes of this Law, the following terms have the following meanings:

1º **decision:** a decision made in deliberations by a Panel of *Abunzi***,** which is notified to the disputing parties immediately after the

**ADOPTE :**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

La présente loi détermine l'organisation, ressort, compétence et fonctionnement du Comité d'*Abunzi*.

**Article 2: Création du Comité d'*Abunzi* au niveau de la Cellule et du Secteur**

Il est créé, au niveau de la Cellule, un Comité d'*Abunzi* dont le ressort correspond à l'étendue de la Cellule. Il est également créé, au niveau du Secteur, un Comité d'*Abunzi* d'appel dont le ressort correspond à l'étendue du Secteur.

**Article 3: Définitions des termes**

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:

1º **décision** : décision prise au délibéré par le Panel d'*Abunzi* et notifiée aux parties au litige immédiatement après la clôture de

bikirangira, kikandikwa mu nyandikomvugo;

2º **inyandikomvugo:** inyandiko ikubiyemo ibisobanuro byerekeye imigendekere yo kunga;

3º **umwanzuro:** inyandiko isobanura uburyo ikibazo cyashyikirijwe Komite y'Abunzi cyakemuwe.

**Ingingo ya 4: Urwego rushinzwe kunga**

Komite y'Abunzi ni urwego rushinzwe kunga abantu ku bibazo biri mu bubasha bwayo.

Umurimo w'abagize Komite y'Abunzi ni umurimo w'ubwitange kandi udahemberwa.

**Ingingo ya 5: Ibisabwa kugira ngo ikibazo cyakirwe na Komite y'Abunzi**

Ikibazo gishyikirijwe Komite y'Abunzi cyemerwa gusa iyo urega cyangwa uregwa afite ububasha, inyungu n'ubushobozi bwo gutanga ikibazo.

Iyo urega cyangwa uregwa adafite ubushobozi ahagararirwa n'umwishingizi

conciliation session and recorded in minutes;

2º **minutes:** a written record of details about the conciliation process**;**

3º **verdict:** a document describing how a dispute referred to *Abunzi* Committee has been settled.

**Article 4: Conciliation organ**

*Abunzi* Committee is an organ responsible for conciliating parties involved in disputes under its jurisdiction.

The service of members of *Abunzi* Committee is performed on a voluntary and non-remunerative basis.

**Article 5: Conditions for admissibility of a dispute referred to the *Abunzi* Committee**

A dispute referred to the *Abunzi* Committee is admissible only if the applicant or the respondent has the standing, interest and capacity to refer the dispute.

Where the applicant or the respondent lacks legal capacity, he/she is represented

la séance de conciliation et écrite au procès-verbal;

2º **procès-verbal:** document contenant les détails sur le déroulement de la conciliation ;

3º **verdict:** document décrivant la manière dont le litige soumis au Comité d'*Abunzi* a été résolu.

**Article 4: Organe de conciliation**

Le Comité d'*Abunzi* est un organe chargé de régler les différends relevant de sa compétence survenus entre les parties.

Le service des membres du Comité d'*Abunzi* est presté avec dévouement et à titre bénévole.

**Article 5: Conditions de recevabilité du litige devant le Comité d'*Abunzi***

Le litige n'est recevable par le Comité d'*Abunzi* que si le requérant ou le défendeur a la qualité, l'intérêt et la capacité pour le soumettre.

Lorsque le requérant ou le défendeur n'a pas la capacité pour agir, il est représenté

we cyangwa umufiteho ububasha bwa kibyeyi.

Iyo udafite ubushobozi afitanye ikibazo n'umwishingizi we cyangwa umufiteho ububasha bwa kibyeyi, inama y'ubwishingire igena umuhagararira.

**UMUTWE WA II: IMITUNGANYIRIZE YA KOMITE Y'ABUNZI**

**Ingingo ya 6: Abagize Komite y'Abunzi n'igihe manda yabo imara**

Ku rwego rw'Akagari kimwe no ku rw'Umurenge, Komite y'Abunzi igizwe n'abantu barindwi (7) b'inyangamugayo, bose bagomba kuba batuye mu Kagari no mu Murenge, bitewe n'urwego barimo, kandi bazwiho ubushobozi bwo kunga.

Batorerwa igihe cy'imyaka itanu (5) gishobora kongerwa.

Abagize Komite y'Abunzi bagomba kuba barimo nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagore.

by his/her guardian or by the person exercising parental authority over him/her.

Where the dispute referred by a person lacking legal capacity involves his/her guardian or the person exercising parental authority over him/her, the guardianship council designates a person to represent him/her.

**CHAPTER II: ORGANISATION OF THE *ABUNZI* COMMITTEE**

**Article 6: Composition of the *Abunzi* Committee and term of office of its members**

At the Cell and Sector levels, the *Abunzi* Committee is comprised of seven (7) persons of integrity who must all be residents of the Cell and the Sector respectively and well-known for their conciliation skills.

Members of *Abunzi* Committee are elected for a renewable term of five (5) years.

At least thirty percent (30%) of members of *Abunzi* Committee must be females.

par son tuteur ou par la personne exerçant l'autorité parentale sur lui.

Lorsque le litige soumis par une personne n'ayant pas la capacité pour agir concerne son tuteur ou la personne exerçant l'autorité parentale sur elle, le conseil de tutelle désigne la personne devant la représenter.

**CHAPITRE II: ORGANISATION DU COMITE D'*ABUNZI***

**Article 6: Composition du Comité d'*Abunzi* et durée du mandat de ses membres**

Au niveau de Cellule et de Secteur, le Comité d'*Abunzi* est composé de sept (7) personnes intègres ayant leur résidence respectivement dans la Cellule et dans le Secteur et reconnues pour leur aptitude à concilier.

Les membres du Comité d'*Abunzi* sont élus pour un mandat de cinq (5) ans renouvelable.

Au moins trente pourcent (30%) des membres du Comité d'*Abunzi* doivent être de sexe féminin.

**Ingingo ya 7: Amatora y'abagize Komite y'Abunzi**

Abagize Komite y'Abunzi batorwa n'Inama Njyanama y'Akagari cyangwa y'Umurenge, bitewe n'urwego barimo, mu bantu batari Abayobozi b'ikirenga, abagize Guverinoma, abagize Inteko Ishinga Amategeko, abakozi mu nzego z'ubutabera, abari mu nzego z'umutekano, abakozi bo mu nzego z'ibanze n'abandi amategeko yihariye atabyemerera.

Amatora ategurwa, agakoreshwa kandi akayoborwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

Iteka rya Perezida rigena uko amatora y'abagize Komite y'Abunzi akorwa.

**Ingingo ya 8: Indahiro y'Abunzi**

Mu gihe kitarengeje iminsi irindwi (7) nyuma y'amatora, abatowe barahirira imbere y'abaturage, Perezida w'Inama Njyanama yo ku rwego bireba cyangwa Visi Perezida wayo mu gihe Perezida adahari, indahiro iteye itya:

**Article 7: Elections of *Abunzi* Committee members**

Members of *Abunzi* Committee are elected by the Cell Council or the Sector Council respectively, from among people other than high authorities, Cabinet members, Parliamentarians, staff of judicial organs, security services, local administrative entities and others whose duties are incompatible in accordance with specific laws.

Elections are prepared, organized and supervised by the National Electoral Commission.

A Presidential Order specifies modalities for electing *Abunzi* Committee members.

**Article 8: Oath of office of *Abunzi***

In a period not exceeding seven (7) days after the elections, elected members take oath before the population and the Chairperson of the Council of the concerned entity or its Vice Chairperson in case of absence of the Chairperson. Their oath of office is as follows:

**Article 7: Election des membres du Comité d'*Abunzi***

Les membres du Comité d'*Abunzi* sont élus respectivement, par le Conseil de Cellule ou le Conseil du Secteur, parmi les personnes autres que les hautes autorités, les membres du Gouvernement, les Parlementaires, les agents des instances judiciaires, les agents des services de sécurité, les agents des entités administratives locales et d'autres personnes dont les fonctions sont incompatibles selon les lois particulières.

Les élections sont préparées, organisées et supervisées par la Commission Nationale Electorale.

Un arrêté présidentiel fixe les modalités d'élection des membres du Comité d'*Abunzi*.

**Article 8: Serment d'*Abunzi***

Dans un délai ne dépassant pas sept (7) jours à compter de leur élection, les membres du Comité d'*Abunzi* élus prêtent serment devant la population et le Président du Conseil de l'entité concernée ou de son Vice-Président en cas d'absence du Président, en ces termes:

"Jyewe,…………………., ndahiriye u Rwanda ku mugaragaro:

1º ko ntazahemukira Repubulika y'u Rwanda;
2º ko nzubahiriza Itegeko Nshinga n'andi mategeko;
3º ko nzaharanira uburenganzira bwa Muntu n'ibyagirira Abanyarwanda bose akamaro;
4º ko nzaharanira ubumwe bw'Abanyarwanda;
5º ko nzakorana umurava imirimo nshinzwe;
6º ko ntazakoresha ububasha mpawe mu nyungu zanjye bwite.

Nintatira iyi ndahiro, nzabihanirwe n'amategeko.

Imana ibimfashemo".

Indahiro yakirwa n'Urukiko rw'Ibanze rw'aho Komite y'Abunzi ikorera.

**Ingingo ya 9: Biro ya Komite y'Abunzi**

Komite y'Abunzi ku rwego rw'Akagari n'iyo ku rwego rw'Umurenge iyoborwa na

"I, ……………………, solemnly swear to the Nation that I will:

1º remain loyal to the Republic of Rwanda;
2º abide by the Constitution and other laws;
3º safeguard human rights and the interests of the Rwandan people;
4º strive for national unity;
5º diligently fulfil the responsibilities entrusted to me;
6º never use the powers conferred on me for personal interests.

Should I fail to honour this oath, may I be subjected to the rigours of the law.

So help me God."

The oath of office is received by the Primary Court of the area of operation of the *Abunzi* Committee.

**Article 9: Bureau of the *Abunzi* Committee**

The *Abunzi* Committee at the Cell and Sector level is headed by a Bureau

« Moi, ………………………, je jure solennellement à la Nation :

1º de garder fidélité à la République du Rwanda ;
2º d'observer la Constitution et les autres lois ;
3º de veiller aux droits de la personne et aux intérêts du peuple rwandais ;
4º d'œuvrer à la consolidation de l'unité nationale;
5º de remplir loyalement les fonctions qui me sont confiées ;
6º de ne jamais utiliser les pouvoirs qui me sont dévolus à des fins personnelles.

En cas de parjure, que je subisse les rigueurs de la loi.

Que Dieu me vienne en aide ».

Le serment est reçu par le Tribunal de Base du lieu du Comité d'*Abunzi*.

**Article 9: Bureau du Comité d'*Abunzi***

Le Comité d'*Abunzi* au niveau de Cellule et de Secteur est dirigé par un Bureau

Biro igizwe na Perezida na Visi Perezida batorwa na bagenzi babo.

Biro ya Komite y'Abunzi ishinzwe gukurikirana muri rusange imirimo ya Komite y'Abunzi. Igenzura imikorere n'imyitwarire y'abagize Komite y'Abunzi.

Biro iha Komite y'Abunzi amabwiriza yose n'izindi nama za ngombwa birebana n'imigendekere myiza y'akazi, ariko ntibituma igira ububasha bwo gutegeka abagize Inteko y'Abunzi uburyo bagomba gukemura ikibazo bashyikirijwe.

Biro kandi yandika impapuro zose zirebana n'imikorere ya Komite y'Abunzi.

**<u>UMUTWE WA III</u>: UBUBASHA BWA KOMITE Y'ABUNZI**

**<u>Ingingo ya 10</u>: Ububasha bwa Komite y'Abunzi bushingiye ku kibazo cy'imbonezamubano**

Komite y'Abunzi ku rwego rw'Akagari ifite ububasha bwo gusuzuma ibibazo byose by'imbonezamubano byerekeranye n'ibi bikurikira:

composed of a Chairperson and a Vice Chairperson elected by their peers.

The Bureau of the *Abunzi* Committee, in general, ensures coordination of activities of the *Abunzi* Committee. It supervises the performance and conduct of members of the *Abunzi* Committee.

The Bureau gives to the *Abunzi* Committee all instructions and necessary advice for the smooth performance of duties but this does not allow such a Bureau to instruct the *Abunzi* Panel on how to settle a dispute referred to it.

The Bureau also prepares all the documents relating to the functioning of the *Abunzi* Committee.

**<u>CHAPTER III</u>: COMPETENCE OF THE *ABUNZI* COMMITTEE**

**<u>Article 10</u>: Subject-matter competence of the *Abunzi* Committee in civil matters**

The *Abunzi* Committee at the Cell level has jurisdiction to decide any civil matter relating to:

composé d'un Président et d'un Vice-Président élus par leurs pairs.

Le Bureau du Comité d'*Abunzi* assure, en général, la coordination des activités du Comité d'*Abunzi*. Il supervise les performances et le comportement des membres du Comité d'*Abunzi*.

Le Bureau donne au Comité d'*Abunzi* les instructions et avis nécessaires à la bonne réalisation des attributions, sans pour autant donner au Panel d'*Abunzi* les injonctions concernant la façon de traiter le litige qui lui est soumis.

Le Bureau élabore également, tous les documents relatifs au fonctionnement du Comité d'*Abunzi*.

**<u>CHAPITRE III</u>: COMPETENCE DU COMITE D'*ABUNZI***

**<u>Article 10</u>: Compétence matérielle du Comité d'*Abunzi* en matière civile**

Le Comité d'*Abunzi* au niveau de Cellule est compétent pour statuer sur tout litige en matières suivantes:

1º umutungo wimukanwa n'utimukanwa n'izungura kuri iyo mitungo mu gihe agaciro kabyo katarengeje miliyoni eshatu z'amafaranga y'u Rwanda (3.000.000 Frw);

2º kutubahiriza amasezerano yakozwe hagati y'abantu ku giti cyabo, iyo agaciro kayo katarengeje miliyoni eshatu z'amafaranga y'u Rwanda (3.000.000Frw);

3º ibibazo by'umuryango uretse mu gihe igisabwa ari ugufata icyemezo ku irangamimerere y'abantu.

**<u>Ingingo ya 11</u>: Komite y'Abunzi ifite ububasha bwo gusuzuma ikibazo**

Mu byerekeranye n'ibibazo mbonezamubano biteganywa mu ngingo ya 10 y'iri tegeko, Komite y'Abunzi iregerwa hitawe kuri kimwe muri ibi bikurikira:

1º Komite y'Abunzi yo mu ifasi y'aho ikiburanwa kiri;

2º Komite y'Abunzi y'aho uregwa atuye iyo ikiregerwa ari umutungo wimukanwa cyangwa Komite

1º movable and immovable assets and succession thereto where their value does not exceed three million Rwanda francs (Frw 3,000,000);

2º a breach of contract between individuals, if its value does not exceed three million Rwanda francs (Frw 3,000,000);

3º family issues other than those requiring rendering a decision on civil status.

**<u>Article 11</u>: *Abunzi* Committee competent to examine a dispute**

For civil disputes provided for under Article 10 of this Law, the competent *Abunzi* Committee is determined with regard to any of the following:

1º the *Abunzi* Committee in the territorial jurisdiction of the subject-matter;

2º the *Abunzi* Committee of the respondent's place of residence if the subject-matter is movable

1° les biens meubles et immeubles et la succession y afférente lorsque leur valeur ne dépasse pas trois millions (3.000.000 Frw) de francs rwandais;

2° le non-respect des contrats conclus entre les particuliers, lorsque leur valeur ne dépasse pas trois millions (3.000.000 Frw) de francs rwandais;

3° les affaires familiales autres que celles exigeant de rendre une décision relative à état civil.

**<u>Article 11</u>: Comité d'*Abunzi* compétent pour connaître un litige**

Pour des litiges en matière civile prévus à l'article 10 de la présente loi, le Comité d'*Abunzi* compétent est déterminé en tenant compte de l'un des éléments suivants :

1º le Comité d'*Abunzi* dans le ressort duquel l'objet du litige se trouve ;

2º le Comité d'*Abunzi* du lieu de résidence du requérant si l'objet du litige est une propriété mobilière

y'Abunzi y'aho urega atuye byumvikanyweho n'uwo bafitanye ikibazo.

Icyakora, iyo uhamagarwa adafite umwirondoro uzwi cyangwa adafite aho aba hazwi mu Rwanda, ikibazo gishyikirizwa urukiko rubifitiye ububasha.

Nta na rimwe Komite y'Abunzi ishobora kugezwaho ibirego birimo Leta, inzego zayo cyangwa imiryango n'ibigo bifite ubuzima gatozi byaba ibya Leta cyangwa ibitari ibya Leta.

**<u>Ingingo ya 12</u>: Komite y'Abunzi ifite ububasha bwo gusuzuma ikibazo cyerekeye umutungo w'ubutaka uri mu mafasi menshi**

Haseguriwe ibiteganyijwe mu ngingo ya 2 n'iya 11 z'iri tegeko, iyo umutungo w'ubutaka wambukiranya imbibi z'amafasi menshi ya Komite z'Abunzi, Komite y'Abunzi ifite ububasha igenwa mu buryo bukurikira:

1º Komite y'Abunzi yo mu ifasi irimo igice cy'ubutaka kandi ituyemo abafitanye ikibazo bombi ni yo ifite ububasha bwo gukemura ikibazo;

property or the *Abunzi* Committee of the applicant's place of residence through mutual agreement with the respondent.

However, where the summoned person has no known identification or place of domicile or residence in Rwanda, the dispute is referred to the relevant court.

In no way, may disputes involving the State, its organs or associations and companies with legal personality whether private or public be referred to an *Abunzi* Committee.

**<u>Article 12</u>: *Abunzi* Committee competent to determine a dispute involving land property located in different territorial jurisdictions**

Subject to provisions of Articles 2 and 11 of this Law, when land property is located in different jurisdictions of *Abunzi* Committees, the competent *Abunzi* Committee is determined in the following way:

1° the *Abunzi* Committee having jurisdiction over the place of location of the portion of land and in which both parties reside, is competent to settle the dispute;

ou le Comité d'*Abunzi* du lieu de résidence du requérant en cas de commun accord avec le défendeur.

Toutefois, lorsque la personne à assigner n'a ni identité, ni résidence, ni domicile connus au Rwanda, le litige est porté devant la juridiction compétente.

En aucun cas, les litiges impliquant l'Etat, ses entités ou les associations et sociétés tant publiques que privées dotées de la personnalité juridique ne peuvent être soumis au Comité d'*Abunzi*.

**<u>Article 12</u>: Comité d'*Abunzi* compétent pour connaître d'un litige impliquant une propriété foncière située dans des ressorts différents**

Sous réserve des dispositions des articles 2 et 11 de la présente loi, lorsque la propriété foncière est située dans des ressorts des Comités d'*Abunzi* différents, le Comité d'*Abunzi* compétent est déterminé de la manière suivante :

1º le Comité d'*Abunzi* dans le ressort duquel se trouve une partie du terrain où résident les deux parties en cause est compétent pour connaître du litige;

2º iyo abafitanye ikibazo badatuye mu ifasi imwe, Komite y'Abunzi ifite ububasha bwo kugikemura ni iyo mu ifasi y'aho igice cy'ubutaka kiri, kandi ituwemo n'umwe muri bo;

3º iyo abafitanye ikibazo bombi badatuye mu ifasi irimo umutungo w'ubutaka, Komite y'Abunzi yo mu ifasi y'aho igice kinini cy'ubutaka kiri ni yo ifite ububasha bwo gukemura ikibazo.

**<u>UMUTWE WA IV</u>: IMIKORERE YA KOMITE Y'ABUNZI**

**<u>Icyiciro cya mbere</u>: Isuzumwa ry'ikibazo cyashyikirijwe Komite y'Abunzi**

**<u>Ingingo ya 13</u>: Gushyikiriza ikibazo Komite y'Abunzi**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari ni we wakira ibibazo bigomba gushyikirizwa Komite y'Abunzi ku rwego rw'Akagari. Ikibazo gitangwa mu mvugo cyangwa mu nyandiko, kikandikwa mu

2° when both parties do not reside in the same jurisdiction, the *Abunzi* Committee having jurisdiction over the place of location of the portion of land and in which one of the parties resides is competent to settle the dispute.

3° when both parties do not reside in the same jurisdiction where the land is located, *Abunzi* Committee having jurisdiction over the place of location of the bigger portion of the land is competent to settle the dispute.

**<u>CHAPTER IV</u>: FUNCTIONING OF THE *ABUNZI* COMMITTEE**

**<u>Section One</u>: Consideration of the dispute referred to the *Abunzi* Committee**

**<u>Article 13</u>: Referring a dispute to the *Abunzi* Committee**

The Executive Secretary of the Cell receives disputes to be submitted to the *Abunzi* Committee at the Cell level. Disputes are submitted verbally or in writing and are registered on the list of disputes of the *Abunzi* Committee.

2º lorsque les deux parties ne résident pas dans le même ressort, le Comité d'*Abunzi* dans le ressort duquel se trouve la partie du terrain et qui constitue le lieu de résidence de l'une des parties est compétent pour connaître le litige;

3º lorsque les deux parties en cause ne résident pas dans le ressort duquel se trouve le terrain, le Comité d'*Abunzi* du ressort où se trouve la grande partie du terrain est compétent pour connaître le litige.

**<u>CHAPITRE IV</u>: FONCTIONNEMENT DU COMITE D'*ABUNZI***

**<u>Section première</u>: Examen du litige soumis au Comité d'*Abunzi***

**<u>Article 13</u>: Saisine du Comité d'*Abunzi***

Le Secrétaire Exécutif de la Cellule reçoit les litiges devant être soumis au Comité d'*Abunzi* au niveau de Cellule. Les litiges sont soumis oralement ou par voie écrite et sont inscrits au rôle des litiges du Comité d'*Abunzi*.

gitabo cy'ibibazo bishyikirizwa Komite y'Abunzi.

Umunsi yashyikirijwe ikibazo, Umunyamabanga Nshingwabikorwa, yuzuza impampuro zisobanura mu ncamake imiterere y'ikibazo akazishyikiriza Komite y'Abunzi kugira ngo itumize ufitanye ikibazo n'uwagitanze kandi igene ahantu, umunsi n'isaha ikibazo kizasuzumirwaho.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge ni we wakira ibibazo bigomba gushyikirizwa Komite y'Abunzi ku rwego rw'Umurenge.

Iyo Umunyamabanga Nshingwabikorwa atabonetse cyangwa igihe ikibazo gishyikirijwe Abunzi kibareba cyangwa bagifitemo inyungu, ikibazo cyakirwa n'umusimbura mu kazi ke ka buri munsi.

Nta na rimwe Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari cyangwa uw'Umurenge ajya mu nteko iburanisha.

**<u>Ingingo ya 14</u>: Ihamagazwa ry'uregwa**

Urupapuro rutumiza uregwa rugezwa ku biro by'Akagari cyangwa iby'Umurenge uregwa atuyemo cyangwa mu bunyamabanga bw'ikigo akoreramo iyo ari

On the day of receipt of a dispute, the Executive Secretary fills out forms which contain a brief description of the dispute and submits them to the *Abunzi* Committee to allow it to summon the respondent and decide on the venue, the day and the time of consideration of the dispute.

The Executive Secretary of the Sector receives disputes to be submitted to the *Abunzi* Committee at the Sector level.

In case of absence of the Executive Secretary or when *Abunzi* are involved or interested in the dispute referred to them, the dispute is received by a person who deputizes for him/her in his/her daily duties.

In no case, shall the Executive Secretary of the Cell or Sector take part in the hearing panel.

**<u>Article 14</u>: Summoning the respondent**

The summons is delivered, with acknowledgment of receipt, to the office of the Cell or Sector of the respondent's place

Le jour de la réception d'un litige, le Secrétaire Exécutif remplit les formulaires qui en précisent sommairement l'objet et les transmet au Comité d'*Abunzi* pour permettre à ce dernier de convoquer le défendeur en indiquant le lieu, le jour et l'heure de l'examen du litige.

Le Secrétaire Exécutif de Secteur est chargé de la réception des litiges devant être transmis au Comité d'*Abunzi* au niveau de Secteur.

En cas d'absence du Secrétaire Exécutif ou si les *Abunzi* sont concernés par le litige qui leur est soumis ou y ont un intérêt, le litige est reçu par la personne qui le remplace dans les tâches quotidiennes.

En aucun cas, le Secrétaire Exécutif de Cellule ou de Secteur ne peut faire partie du panel.

**<u>Article 14</u>: Convocation du défendeur**

La convocation est délivrée, contre accusé de réception, au bureau de la Cellule ou du Secteur de résidence du défendeur ou au

umukozi, urwakiriye akagaragaza ko arwakiriye.

Urwo rupapuro rugaragaza incamake y'uko ikibazo giteye, ahantu, umunsi n'isaha uhamagawe azitabiraho Komite y'Abunzi, kandi bikamenyeshwa urega.

Uhamagajwe ahabwa nibura iminsi irindwi (7) mbere yo kwitaba Komite y'Abunzi ibarwa uhereye ku munsi yagerejweho urupapuro rumuhamagaza.

**<u>Ingingo ya 15</u>: Guhitamo Abunzi**

Ku munsi wo kwitaba uvugwa mu ngingo ya 14 y'iri tegeko, abafitanye ikibazo bahitamo, muri Komite y'Abunzi, Abunzi batatu (3) bumvikanyeho, bakabashyikiriza ikibazo cyabo.

Iyo abafitanye ikibazo badashoboye kumvikana ku bunzi bashyikiriza ikibazo cyabo, buri wese ahitamo umwunzi we, aba na bo bakumvikana ku wa gatatu. Iyo abafitanye ikibazo bahurije ku mwunzi umwe, uyu atoranya muri Komite y'Abunzi Abunzi babiri (2) bo kumufasha. Abafitanye ikibazo ntibemerewe kwanga umwunzi cyangwa Abunzi batoranyijwe kuri ubwo buryo.

of residence or to the secretariat of the institution where the respondent works.

The summons briefly describes the dispute, the venue, date and time set for the respondent's appearance before the *Abunzi* Committee, with notification to the applicant.

The summoned person is given a period of at least seven (7) days to appear before the *Abunzi* Committee from the date the summons is served on him/her.

**<u>Article 15</u>: Choosing *Abunzi***

On the day of appearance referred to in Article 14 of this Law, the parties agree on three (3) *Abunzi* to whom they refer their dispute.

Where parties fail to agree on the *abunzi*, each party chooses one and the two (2) choose the third one. Where parties agree on the same *umwunzi*, the latter chooses the two (2) others from *Abunzi* Committee to assist him/her. Parties have no right to refuse *umwunzi* or *abunzi* chosen following this procedure.

secrétariat de l'institution où travaille le défendeur.

La convocation décrit brièvement le litige, le lieu, la date et l'heure prévus pour la comparution du défendeur devant le Comité d'*Abunzi* avec notification au requérant.

La personne convoquée bénéficie d'au moins sept (7) jours avant de comparaître devant le Comité d'*Abunzi* à compter de la date à laquelle la convocation lui est signifiée.

**<u>Article 15</u>: Choix des *Abunzi***

Au jour de la comparution prévu à l'article 14 de la présente loi, les parties se conviennent sur trois (3) *Abunzi* auxquels elles soumettent leur litige.

Lorsque les parties ne parviennent pas à se mettre d'accord sur les *abunzi*, chacune en choisit un et les deux choisissent le troisième. Lorsque les parties choisissent un même *umwunzi*, ce dernier choisit deux (2) autres au sein du Comité d'*Abunzi* pour l'assister. Les parties n'ont pas le droit de récuser un *umwunzi* or *abunzi* choisis suivant cette procédure.

Inteko y'Abunzi iburanisha yitoramo Perezida n'umwanditsi wayo ugomba kuba azi gusoma no kwandika.

**Ingingo ya 16: Inteko isuzuma ikibazo cyerekeye Komite y'Abunzi cyangwa benshi mu bayigize**

Umwunzi abujijwe kujya mu Nteko isuzuma ikibazo kimureba cyangwa afitemo inyungu iyo ari yo yose. Ashobora kwanga ubwe kuyijyamo cyangwa akihanwa n'uruhande rufite ikibazo kigomba gusuzumwa.

Iyo ikibazo gisuzumwa cyerekeye abagize Komite y'Abunzi bose cyangwa abenshi mu bayigize ku rwego rw'Akagari cyangwa urw'Umurenge, ku buryo bidashoboka kubona inteko igomba kugisuzuma, Perezida wa Komite y'Abunzi amenyesha icyo kibazo mu nyandiko umukozi ushinzwe guhuza ibikorwa bya Komite y'Abunzi ku Karere mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) ibarwa uhereye igihe ikibazo cyagaragariye.

Umukozi ushinzwe guhuza ibikorwa bya Komite y'Abunzi, ku bufatanye n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari cyangwa uw'Umurenge icyo kibazo kirimo, atira mu Kagari cyangwa

The *Abunzi* Panel chooses from among its members a Chairperson and a rapporteur who must be literate.

**Article 16: The Panel to examine a dispute involving *Abunzi* Committee or the majority of its members**

*Umwunzi* shall not sit on a panel examining a dispute involving him/her or in which he/she has an interest. *Umwunzi* may recuse him/herself from the panel on his/her own motion or in response to a motion by the applicant.

When the dispute considered involves all or the majority of members of *Abunzi* Committee at the Cell or Sector level, thereby making it impossible to form a panel, the chairperson of *Abunzi* Committee notifies the coordinator of activities of *Abunzi* Committee at the District level of the issue in writing within fifteen (15) days of the day when the problem is noticed.

The Coordinator of activities of the *Abunzi* Committee in collaboration with the Executive Secretary of the Cell or Sector in which the problem is noticed seeks support from Abunzi of the nearest Cell or Sector to determine the dispute.

Le Panel d'*Abunzi* choisit en son sein un Président et un rapporteur qui doit savoir lire et écrire.

**Article 16: Le Panel devant connaître un litige impliquant le Comité d'*Abunzi* ou la majorité de ses membres**

*Umwunzi* ne doit pas faire partie du panel qui examine le litige auquel il est partie ou a un intérêt quelconque. *Umwunzi* peut se déporter ou être récusé par le requérant.

Lorsque le litige en cause implique l'ensemble des membres du Comité d'*Abunzi* ou la majorité de ses membres au niveau de Cellule ou de Secteur, à telle enseigne qu'il est impossible de constituer le panel, le Président du Comité communique ce problème par écrit, au coordinateur des activités du Comité d'*Abunzi* au niveau de District endéans quinze (15) jours à compter du jour où le problème a été constaté.

Le Coordinateur des activités du Comité d'*Abunzi* en collaboration avec le Secrétaire Exécutif de la Cellule ou du Secteur dans lequel le problème est constaté, demande l'assistance des *Abunzi*

Umurenge byegeranye n'aho ikibazo cyagaragaye Abunzi bo kugikemura.

**Ingingo ya 17: Uburyo kunga bikorwamo**

Kunga bikorerwa mu ruhame, keretse iyo Abunzi, babyibwirije cyangwa babisabwe, basanze ikibazo gikwiye gusuzumwa mu muhezo kubera imiterere yacyo.

Abagize Komite y'Abunzi batatoranyijwe ngo basuzume ikibazo bemerewe gukurikirana imirimo yo kunga ariko ntibagira uruhare mu gufata ibyemezo.

Iyo bunga abafitanye ikibazo, Abunzi bumva buri ruhande, ndetse bakumva n'abatangabuhamya iyo batanzwe n'abafitanye ikibazo. Bashobora kandi kumva n'undi muntu wese bifuza kugira icyo babaza mu gihe cyose byabafasha kurushaho gusobanukirwa neza n'ikibazo bashyikirijwe.

Iyo basuzuma ikibazo, Abunzi bumvikanisha impande zombi. Iyo kumvikanisha impande zombi binaniranye, bafata icyemezo bakurikije amategeko, umuco w'aho ikibazo gikemurirwa n'umutimanama wabo, gipfa gusa kuba kitanyuranye n'amategeko yanditse.

**Article 17: Conciliation procedure**

The conciliation session is public, save for a session behind closed doors which is decided by *Abunzi* on their own initiative or upon request, following the nature of the dispute.

Members of the *Abunzi* Committee that are not chosen to examine the dispute may participate in any conciliation session but without the right to vote.

During the conciliation, *Abunzi* hear from each party and from witnesses when they are presented by the parties. They may also seek advice from any other person as long as he/she can provide clarification on the dispute.

While considering the dispute, *Abunzi* help both parties to reach a compromise. Where parties fail to do so, *Abunzi* render a decision in accordance with the law, culture of the place where the dispute is being settled or their own conscience, provided the decision is not contrary to written law.

de la Cellule ou du Secteur les plus proches pour connaître le litige.

**Article 17: Procédure de conciliation**

La séance de conciliation est publique sauf le huis clos décidé par les *Abunzi* de leur propre initiative ou sur demande, si la nature du litige le justifie.

Les autres membres du Comité d'*Abunzi* non désignés pour examiner le litige peuvent participer à toute séance de conciliation mais sans voix délibérative.

Lors de la conciliation, *Abunzi* entendent chacune des parties en litige et les témoins lorsqu'ils sont présentés par les parties. Ils peuvent également recourir à l'avis de toute personne qui peut leur apporter des éclaircissements sur le litige en cause.

Lors de la conciliation, *Abunzi* aident les deux parties à aboutir à un compromis. En cas de défaut du compromis des deux parties, *Abunzi* rendent une décision conformément à la loi, à la culture du lieu où le litige est réglé ou à leur conscience, pourvu que la décision ne soit pas contraire au droit écrit.

Imbere y'Inteko y'Abunzi, Avoka ashobora kugira inama uwamwiyambaje ariko ntashobora kumuhagararira cyangwa ngo ahabwe ijambo mu rwego rwo kumuburanira.

Urega, uregwa cyangwa umutangabuhamya ashobora kwiyambaza umusemuzi agahabwa ijambo imbere y'Inteko y'Abunzi. Ikiguzi cye cyishingirwa n'uwamwiyambaje.

Abunzi bagomba kuba bakemuye ikibazo mu gihe kitarenze ukwezi uhereye igihe ikibazo cyandikiwe mu gitabo cy'ibibazo cya Komite y'Abunzi.

**<u>Ingingo ya 18:</u> Gukemura ikibazo umwe mu bagifitanye adahari**

Iyo ku munsi wo kwitaba, uwatumijwe atitabye, arongera agatumizwa, akanamenyeshwa ko ku munsi atumijweho, Abunzi bafata icyemezo, yaba yitabye cyangwa atitabye.

Iyo na none uwatumijwe atitabye ku munsi yahawe wo kwitaba, uwatanze ikibazo ahitamo umwunzi, Komite y'Abunzi na yo igahitamo undi, aba na bo bakumvikana ku wa gatatu, bagasuzuma ikibazo adahari.

Before the Panel of *Abunzi*, a lawyer may assist a party having sought his/her assistance, but the lawyer cannot represent or plead for him/her.

The applicant, the respondent or the witness may use an interpreter who is given the floor before *Abunzi* Panel. Interpreter fees are borne by the person having sought his/her services.

*Abunzi* must settle the dispute within one month from the day the dispute is registered on the list of disputes of *Abunzi* Committee.

**<u>Article 18</u>: Decision rendered by default**

If a summoned person fails to appear on the date indicated in the summons, he/she is summoned again and informed that *Abunzi* render their decision on the scheduled date irrespective of whether he/she appears or not.

If the party summoned fails to appear again on the date indicated, the applicant chooses *umwunzi* and *Abunzi* Committee chooses another and the two select a third one to

Devant le Panel d'Abunzi, un avocat peut assister la partie qui le lui a demandé, mais ne peut pas la représenter ou plaider pour elle.

Le requérant, le défendeur ou le témoin peuvent faire recours à un interprète qui prend la parole devant le Panel d'*Abunzi*. Les honoraires de l'interprète sont pris en charge par la personne ayant eu recours à ses services.

*Abunzi* doivent régler le litige endéans un mois à compter de la date d'enregistrement du litige au rôle du Comité d'*Abunzi*.

**<u>Article 18</u>: Décision rendue par défaut**

En cas de non-comparution de la partie convoquée au jour fixé, elle est de nouveau convoquée et informée qu'à la nouvelle date, *Abunzi* rendent leur décision, qu'elle comparaisse ou pas.

En cas de non-comparution de la partie convoquée à la date indiquée, le requérant choisit *Umwunzi*, le Comité d'*Abunzi* en choisit le deuxième et les deux choisissent le troisième pour

decide on the dispute in the summoned party's absence.

examiner le litige en l'absence de la personne convoquée.

Icyakora, iyo basanze impamvu yatumye atitaba ifite ishingiro, bimurira isuzumwa ry'ikibazo ku wundi munsi bagena, bakabimenyesha mu buryo buteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

However, if the summoned party fails to appear on reasonable grounds, *Abunzi* reschedule the conciliation session for another date and notify him/her thereof in the manner provided for in Paragraph One of this Article.

Toutefois, lorsque la partie convoquée n'a pas comparu pour des motifs fondés, *Abunzi* remettent l'examen de l'affaire à une date qu'ils fixent et la lui notifient dans la forme prévue à l'alinéa premier du présent article.

Ibiteganywa mu gika cya mbere n'icya 2 by'iyi ngingo ni na byo bikurikizwa mu gihe uwareze ari we utitabye.

Provisions of Paragraphs One and 2 of this Article also apply in the case of non-appearance of the applicant.

Les dispositions des alinéas premier et 2 du présent article s'appliquent également en cas de non-comparution du requérant.

**<u>Ingingo ya 19</u>: Uburenganzira bwo kugoboka mu kibazo gisuzumwa n'Inteko y'Abunzi**

Umuntu wese afite uburenganzira bwo kugoboka mu kibazo gisuzumwa n'Inteko y'Abunzi ataregeye cyangwa atarezwemo, mu gihe cyose umwanzuro kuri icyo kibazo ushobora kugira icyo umurenganyaho. Ashobora kugoboka ku bushake cyangwa abihatiwe n'Inteko y'Abunzi. Icyakora, guhatirwa kugoboka bigamije gusaba ko uwagobokeshejwe agira icyo acibwa ntibishobora gukorwa bwa mbere mu rwego rw'ubujurire.

Ushaka kugoboka mu kibazo gisuzumwa n'Inteko y'Abunzi ashyikiriza ubusabe bwe Umunyamabanga Nshingwabikorwa wo ku

**<u>Article 19</u>: Right to intervene in a dispute under examination by *Abunzi* Panel**

Every person has the right to intervene in a dispute under consideration by the *Abunzi* Panel, where he/she is neither an applicant nor a respondent, if the verdict in the dispute is likely to affect his/her interests. He/she may intervene voluntarily or be forced to do so by *Abunzi* Panel. However, forced intervention that could seek to obtain a conviction of the intervener cannot be made for the first time in appeal.

The person intending to intervene in a dispute before *Abunzi* Committee shall submit his/her request to the Executive

**<u>Article 19:</u> Droit d'intervenir dans un litige sous examen du Panel d'*Abunzi***

Toute personne intéressé a le droit d'intervenir dans un litige sous examen du Panel d'*Abunzi* dans lequel elle n'est ni requérante ni défenderesse au cas où le verdict sur ce litige risque de compromettre ses intérêts. Elle peut intervenir volontairement ou être forcée par le Panel d'*Abunzi*. Toutefois, l'intervention forcée tendant à obtenir une condamnation d'une partie ayant été forcée à intervenir ne peut s'exercer pour la première fois au degré d'Appel.

Un tiers intéressé à intervenir dans un litige sous examen du Comité d'*Abunzi* soumet sa demande au Secrétaire Exécutif de

rwego bireba na we akagishyikiriza Komite y'Abunzi. Ihamagarwa rikorwa mu buryo buteganyijwe mu ngingo ya 14 y'iri tegeko.

Uwagobotse afite uburenganzira bwo kwitabaza inzira z'ubujurire ziteganywa n'iri tegeko igihe atishimiye umwanzuro wa Komite y'Abunzi.

**Icyiciro cya 2: Ifatwa ry'umwanzuro**

**Ingingo ya 20: Kwiherera no gufata icyemezo**

Iyo gusuzuma ikibazo birangiye, Abunzi bariherera kugira ngo bafate icyemezo.

Icyemezo cy'Abunzi gifatwa ku bwumvikane hagati yabo, bitashoboka kigafatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi.

Icyemezo gishyirwa mu nyandikomvugo, ishyirwaho umukono kuri buri rupapuro n'Abunzi bose bagize Inteko n'abarebwa bose n'icyo kibazo, kunga bikirangira.

Umwanzuro ugomba kuboneka wanditse kandi usinywe n'Abunzi kuri buri rupapuro mu gihe kitarenze iminsi icumi (10) kuva

Secretary of the concerned entity, who in turn submits it to *Abunzi* Committee. The summoning procedure is made in accordance with the provisions of Article 14 of this Law.

If the intervener is not satisfied with the verdict of *Abunzi* Committee, he/she has the right to use remedies provided for by this Law.

**Section 2: Rendering a verdict**

**Article 20: Deliberations and decision-making**

After the dispute consideration, *Abunzi* withdraw themselves to make a decision.

The *Abunzi's* decision is taken by consensus or, where there is no such consensus, by an absolute majority of votes.

The decision is recorded in minutes signed on each page by all members of *Abunzi* Panel and the concerned parties right after the procedure of conciliation.

The verdict must be written and signed by *Abunzi* on every page and available within a period not exceeding ten (10) days from

l'entité concernée qui, à son tour, la soumet au Comité d'*Abunzi*. La convocation s'effectue conformément à l'article 14 de la présente loi.

Au cas où l'intervenant n'est pas satisfait du verdict du Comité d'*Abunzi*, il a le droit d'utiliser les voies de recours prévues par la présente loi.

**Section 2 : Rendre le verdict**

**Article 20: Délibéré et prise de décision**

A la clôture des débats, *Abunzi* se retirent pour prendre la décision.

La décision d'*Abunzi* est prise par consensus ou, à défaut, à la majorité absolue des voix.

La décision est consignée dans un procès-verbal signé à chacun de ses feuillets par tous les *Abunzi* composant le panel et par toutes les parties au litige, immédiatement après la procédure de conciliation.

Le verdict doit être disponible sous forme écrite et signé par *Abunzi* à chacun de ses feuillets dans un délai ne dépassant pas dix

icyemezo gifashwe. Iyo bidakozwe, Abunzi bireba bashobora guhabwa ibihano byo mu rwego rw'myitwarire igenga Abunzi mu kazi biteganywa n'Iteka rya Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze.

**Ingingo ya 21: Ibikubiye mu mwanzuro wa Komite y'Abunzi**

Umwanzuro wa Komite y'Abunzi ugaragaza ibi bikurikira:

1º umwirondoro w'abafitanye ikibazo;

2º incamake y'ikibazo;

3º ingingo abafitanye ikibazo baburanisha;

4º icyemezo cyafashwe abafitanye ikibazo bose bemeranywaho;

5º icyemezo cyafashwe umwe mu bafitanye ikibazo atemera, mu gihe gihari;

6º itariki n'ahantu ikibazo cyakemuriwe;

7º imikono cyangwa ibikumwe by'abafitanye ikibazo;

the day on which the decision was made; otherwise the concerned *Abunzi* may face disciplinary sanctions relating to *Abunzi* profession as provided for by the order of the Minister in charge of justice.

**Article 21: Content of the verdict of *Abunzi* Committee**

The verdict of *Abunzi* Committee indicates the following:

1º the parties' identification;

2º the summary of the dispute;

3º the arguments put forward by the involved parties;

4º the decision with which all parties agree;

5º the decision to which one of the parties does not agree, if any;

6º the date and place of the dispute settlement;

7º signatures or fingerprints of parties in conflict;

(10) jours à compter de la date de prise de décision. Dans le cas contraire, *Abunzi* concernés peuvent subir des sanctions disciplinaires relatives aux fonctions d'*Abunzi* prévues par l'arrêté du Ministre ayant la justice dans ses attributions.

**Article21: Contenu du verdict du Comité d'*Abunzi***

Le verdict du Comité d'*Abunzi* indique ce qui suit:

1º l'identification des parties;

2º le sommaire du litige;

3º les prétentions des parties en cause;

4º la décision à laquelle toutes les parties en litige adhèrent;

5º la décision à laquelle l'une des parties n'adhère pas, s'il y en a une;

6º la date et le lieu du règlement du litige;

7º les signatures ou les empreintes digitales des parties en litige;

8º amazina y'Abunzi n'imikono yabo cyangwa ibikumwe byabo;

9º amazina y'umwanditsi n'umukono we cyangwa igikumwe cye.

Umwanzuro wa Komite y'Abunzi ugomba gushyirwaho kashi ya Komite y'Abunzi kandi ukabikwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa ari na we uwushyikiriza abo bireba.

Iyo hari umwe mu bunzi utemeranyijwe n'abandi ku cyemezo cyafashwe, byandikwa muri uwo mwanzuro n'impamvu yatanze.

Perezida w'inteko y'Abunzi yasuzumye ikibazo ntiyemerewe kurenza iminsi itanu (5) ataramenyesha abafitanye ikibazo umwanzuro wa Komite y'Abunzi wanditse uhereye ku munsi wabonekeyeho.

**<u>Ingingo ya 22</u>: Agaciro k'umwanzuro wa Komite y'Abunzi**

Umwanzuro wafashwe na Komite y'Abunzi ukemerwa n'abafitanye ikibazo ufatwa kuri bo nk'amasezerano bumvikanyeho, ariko ntushobora kwitwazwa ku bandi bantu batarebwa n'icyo kibazo.

8º *Abunzi* names as well as their signatures or their fingerprints;

9º the rapporteur's names as well as his/her signature or fingerprint.

The verdict of *Abunzi* Committee is sealed with the seal of the *Abunzi* Committee and is kept by the Executive Secretary who submits it to the concerned parties.

Where one of *Abunzi* holds a dissenting opinion, the issue and the reason thereof are stated in the verdict.

The Chairperson of *Abunzi* Panel that examined the dispute notifies the parties of the written verdict of the *Abunzi* Committee, within five (5) days from the day on which the verdict was available.

**<u>Article 22</u>: Force of *Abunzi* verdict**

The *Abunzi* verdict with which all parties agree serves as an agreement between those parties, but shall not be enforceable against third parties.

8º les noms d'*Abunzi* ainsi que leurs signatures ou leurs empreintes digitales;

9º les noms du rapporteur ainsi que sa signature ou son empreinte digitale.

Le verdict du Comité d'*Abunzi* doit être scellé du sceau du Comité d'*Abunzi* et conservé par le Secrétaire Exécutif qui le transmet aux parties concernées.

En cas d'opinion dissidente par l'un ou l'une des *Abunz*i, cette opinion et sa motivation sont consignées dans ce verdict.

Le Président du Panel d'*Abunzi* ayant examiné le litige notifie aux parties le verdict écrit du Comité d'*Abunzi* endéans cinq (5) jours à compter de la date de la disponibilité du verdict.

**<u>Article 22</u>: Force du verdict d'*Abunzi***

Le verdict du Comité d'*Abunzi* auquel adhèrent toutes les parties tient lieu de convention entre ces parties, mais n'est pas opposable aux tiers.

**Ingingo ya 23: Gusaba gusobanura cyangwa gukosora umwanzuro wa Komite y'Abunzi**

Ikibazo gisaba gusobanura cyangwa gukosora umwanzuro wa Komite y'Abunzi gishyikirizwa Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'urwego bireba na we akagishyikiriza Komite y'Abunzi.

Ikibazo gisuzumwa n'Inteko y'Abunzi yafashe uwo mwanzuro. Iyo idashoboye kuboneka Komite y'Abunzi yitoramo Inteko isuzuma icyo kibazo mu buryo buteganywa mu ngingo ya 15 y'iri tegeko.

Ikibazo gisuzumwa hatongewe gutumizwa abafitanye ikibazo. Umwanzuro ufashwe wuzuza uwasabiwe gukosorwa cyangwa gusobanurwa kandi ntujuririrwa.

**Icyiciro cya 3: Inzira zo kujurira**

**Ingingo ya 24: Gusubirishamo umwanzuro wafashwe na Komite y'Abunzi**

Umwanzuro wafashwe na Komite y'Abunzi uregwa cyangwa urega adahari ushobora gusabirwa gusubirwamo mu gihe kitarenze

**Article 23: Request for clarification or correction of the verdict of the *Abunzi* Committee**

A request for clarification or correction of the *Abunzi* verdict is submitted to the Executive Secretary of the concerned entity, who submits it to the *Abunzi* Committee.

The request is considered by the *Abunzi* Panel that rendered the verdict. In case it is not available, the *Abunzi* Committee chooses among its members a panel to examine this request in accordance with Article 15 of this Law.

The request is considered without the summoning of parties in conflict. The verdict complements the one for which the correction or clarification was required and is not subject to appeal.

**Section 3: Appeal procedures**

**Article 24: Opposition against the verdict rendered by *Abunzi* Committee**

*Abunzi* Committee's verdict rendered in the absence of the respondent or the applicant may be subject to opposition

**Article 23: Demande de clarification ou de rectification du verdict du Comité d'*Abunzi***

Une requête de clarification ou de rectification du verdict d'*Abunzi* est transmise au Secrétaire Exécutif de l'entité concernée et ce dernier la transmet au Comité d'*Abunzi*.

La requête est examinée par le Panel d'*Abunzi* qui a rendu ce verdict. Au cas où il n'est pas disponible, le Comité d'*Abunzi* choisit en son sein un panel qui examine cette requête conformément aux dispositions de l'article 15 de la présente loi.

La requête est examinée sans la convocation des parties au litige. Le verdict rendu complète celui dont la rectification ou la clarification a été requise et n'est pas susceptible de recours.

**Section 3: Voies de recours**

**Article 24: Opposition contre le verdict rendu par le Comité d'*Abunzi***

Le verdict du Comité d'*Abunzi* rendu en l'absence du requérant ou du défendeur peut faire l'objet d'opposition endéans dix

iminsi icumi (10) uhereye igihe usubirishamo yamenyesherejwe umwanzuro wa Komite y'Abunzi.

Gusaba gusubirishamo uwo mwanzuro bishyikirizwa Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'urwego ikibazo kiriho mu nyandiko cyangwa mu magambo.

Inteko y'Abunzi yawufashe, igizwe n'Abunzi bose bari bayigize niyo isuzuma ubwo busabe. Mu gihe badashoboye kuboneka busuzumwa n'abandi bunzi bo muri iyo Komite batoranywa hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 15 y'iri tegeko.

Umwanzuro wafashwe na Komite y'Abunzi uregwa cyangwa urega adahari ntushobora kujuririrwa mbere y'uko igihe cyo gusubirishamo kirangira.

**<u>Ingingo ya 25</u>: Kujuririra umwanzuro wafashwe na Komite y'Abunzi ku rwego rw'Akagari**

Umwe mu bafitanye ikibazo utemeye umwanzuro wa Komite y'Abunzi yo ku rwego rw'Akagari, ashobora, mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30), uhereye ku munsi yashyikirijweho umwanzuro

within ten (10) days from the day of notification of the *Abunzi* verdict to the party that applied for opposition.

The request for opposition against the *Abunzi* Committee's verdict is submitted in a written or oral statement to the Executive Secretary of the entity where the dispute is.

The entire *Abunzi* Panel which rendered the verdict examines the dispute. In case of absence of such a panel, the dispute is examined by other members of the same *Abunzi* Committee who are selected in accordance with provisions of Article 15 of this Law.

*Abunzi* Committee's verdict rendered in the absence of the respondent or the applicant shall not be appealed against before the expiry of the period of opposition.

**<u>Article 25</u>: Appealing against a verdict rendered by *Abunzi* Committee at the Cell level**

Any party that is not satisfied with the verdict of *Abunzi* Committee at the Cell level, may, within thirty (30) days from the day on which he/she was notified of the

(10) jours à compter de la notification du verdict d'*Abunzi* à la partie ayant formé l'opposition.

La demande d'opposition contre un verdict rendu par le Comité d'*Abunzi* est soumise par écrit ou oralement au Secrétaire Exécutif de l'entité au niveau de laquelle se situe le litige.

Le Panel d'*Abunzi* complet qui a rendu le verdict examine cette demande. En cas de son absence, la demande est examinée par d'autres *Abunzi* du même comité et dont la sélection se fait conformément aux dispositions de l'article 15 de la présente loi.

Le verdict du Comité d'*Abunzi* rendu en l'absence du requérant ou du défendeur ne peut faire l'objet d'appel avant la fin du délai d'opposition.

**<u>Article 25</u>: Appel contre le verdict rendu par le Comité d'*Abunzi* au niveau de Cellule**

Toute partie qui n'est pas satisfaite du verdict du Comité d'*Abunzi* au niveau de la Cellule, peut, endéans trente (30) jours à compter du jour où le verdict lui a été

wanditse, kujuririra Komite y'Abunzi yo ku rwego rw'Umurenge.

Mu bujurire, Komite y'Abunzi yo ku rwego rw'Umurenge isuzuma gusa ingingo urega anenga ku mwanzuro wafashwe na Komite y'Abunzi yo ku rwego rw'Akagari kandi atigeze yemerera imbere yabo.

Kujuririra umwanzuro wa Komite y'Abunzi wafashwe ku rwego rw'Akagari ntibitangirwa igarama.

**<u>Ingingo ya 26</u>: Gutambamira umwanzuro wafashwe na Komite y'Abunzi**

Umuntu wese utareze cyangwa ngo aregwe mu kibazo cyasuzumwe na Komite y'Abunzi ariko agifitemo inyungu iyo ari yo yose, ashobora gutambamira umwanzuro wafashwe umurenganya kugira ngo usubirwemo iyo we cyangwa abo ahagarariye ntawatumiwe mu isuzumwa ry'icyo kibazo.

Gutambamira umwanzuro wafashwe na Komite y'Abunzi bikorwa mu gihe kitarenze iminsi icumi (10) uhereye igihe utanze ikirego yamenyeye umwanzuro wa

written verdict, appeal to *Abunzi* Committee at the Sector level.

At the appeal level, *Abunzi* Committee at the Sector level examines only points of the verdict rendered at Cell level challenged by the applicant and to which he/she never accepted before *Abunzi* Committee at the Cell level.

Appealing against the verdict of *Abunzi* Committee rendered at the Cell level shall not be subject to payment of court fees.

**<u>Article 26</u>: Opposition by a third party against *Abunzi* Committee's verdict**

Any person who is not a party to the dispute examined by *Abunzi* Committee but has an interest in it, may file a third party opposition against the verdict which is prejudicial to his/ her interests if neither him/her nor the person he/she represents were invited to attend conciliation session.

Notice of third party opposition is filed, with supporting evidence, within ten (10) days from the day when the applicant was notified of *Abunzi* Committee's verdict. If

signifié par écrit, faire appel devant le Comité d'*Abunzi* au niveau du Secteur.

Au niveau d'appel, le Comité d'*Abunzi* au niveau de Secteur n'examine que les points du verdict du Comité d'*Abunzi* au niveau de la Cellule attaqués par le requérant et jamais acceptés par lui devant le Comité d'*Abunzi* au niveau de la Cellule.

L'appel contre le verdict rendu par le Comité d'*Abunzi* au niveau de la Cellule n'est pas soumis au paiement des frais de justice.

**<u>Article 26</u>: Tierce opposition contre le verdict du Comité d'*Abunzi***

Toute personne n'ayant pas été partie au litige sur lequel le Comité d'*Abunzi* a statué mais y a un intérêt quelconque peut former une tierce opposition à un verdict qui est préjudiciable à ses intérêts, lorsque ni elle ni ceux qu'elle représente n'ont été invités à assister à la séance de conciliation.

La tierce opposition est formée, avec preuves à l'appui, dans un délai ne dépassant dix (10) jours à compter du jour où la personne formant opposition a pris

Komite y'Abunzi, akabitangira ibimenyetso. Iyo icyo gihe kirenze, gutambamira umwanzuro wafashwe na Komite y'Abunzi ntibyakirwa.

Gusaba gutambamira uwo mwanzuro bishyikirizwa Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'urwego ikibazo kiriho mu nyandiko cyangwa mu magambo.

Inteko y'Abunzi yawufashe, igizwe n'Abunzi bose bari bayigize, niyo isuzuma iryo tambamira. Mu gihe badashoboye kuboneka risuzumwa n'abandi bunzi bo muri iyo Komite batoranywa hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 15 y'iri tegeko.

Iyo gutambamira umwanzuro wafashwe na Komite y'Abunzi byakiriwe, gusuzuma ikibazo byongera gutangira bundi bushya.

**<u>Icyiciro cya 4</u>:Kuregera urukiko**

**<u>Ingingo ya 27</u>: Kuregera Urukiko rw'Ibanze**

Umwe mu bafitanye ikibazo utishimiye umwanzuro wa Komite y'Abunzi yo ku rwego rw'Umurenge ashobora, mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye

such period expires, the third party opposition against a verdict rendered by *Abunzi* Committee is inadmissible.

Notice of third party opposition against the verdict is filed in a written or oral statement to the Executive Secretary of the entity where the dispute is.

The entire *Abunzi* Committee Panel that rendered the verdict examines the third party opposition. In case of absence of members of the panel, the third party opposition is examined by other members of the same *Abunzi* Committee selected in accordance with provisions of Article 15 of this Law.

If the third party opposition against *Abunzi* Committee's verdict is admissible, the dispute is reconsidered.

**<u>Section 4</u>: Filing a case with the court**

**<u>Article 27</u>: Filing a case with the Primary Court**

Any party that is not satisfied with the verdict of *Abunzi* Committee at the Sector level may, within thirty (30) days from the day on which he/she was notified

connaissance du verdict du Comité d'*Abunzi*. Passé ce délai, la tierce opposition au verdict rendu par le Comité d'*Abunzi* n'est plus recevable.

La tierce opposition contre le verdict est soumise par écrit ou oralement au Secrétaire Exécutif de l'entité au niveau de laquelle se trouve le litige.

Le Panel d'*Abunzi* complet qui a rendu le verdict examine la tierce opposition. En cas d'absence des membres du panel qui a rendu le verdict, la tierce opposition est examinée par d'autres membres du Comité d'*Abunzi* dont la sélection se fait conformément aux dispositions de l'article 15 de la présente loi.

Lorsque la tierce opposition contre le verdict du Comité d'*Abunzi* est jugée recevable, le litige est à nouveau examiné.

**<u>Section 4</u>: Saisine de la juridiction**

**<u>Article 27:</u> Saisine du Tribunal de Base**

Toute partie qui n'est pas satisfaite du verdict du Comité d'*Abunzi* au niveau du Secteur peut, endéans trente (30) jours à compter du jour où le verdict écrit du

ku munsi yashyikirijweho umwanzuro wa Komite y'Abunzi wanditse, gushyikiriza ikirego Urukiko rw'Ibanze rubifitiye ububasha.

Kuregera urukiko bikorwa habanje gutangwa igarama.

**Ingingo ya 28: Ingingo zisuzumwa n'urukiko rwaregewe**

Ingingo zumvikanyweho n'abafitanye ikibazo imbere ya Komite y'Abunzi ntizishobora kuregerwa mu Rukiko rw'Ibanze.

Urega agomba, mu gihe atanga ikirego mu Rukiko rw'Ibanze, gutanga umwanzuro wa Komite y'Abunzi. Iyo bitabaye ibyo ikirego cye nticyakirwa n'umwanditsi w'Urukiko.

Urukiko rwaregewe rusuzuma gusa ingingo urega anenga ku mwanzuro wafashwe na Komite y'Abunzi kandi atigeze yemera imbere yayo. Iyo bibaye ngombwa, urukiko rushobora gusaba kopi y'inyandikomvugo yakozwe n'Abunzi.

of the written verdict of the *Abunzi* Committee, refer the matter to the competent Primary Court.

Filing a case with the court is subject to payment of court fees.

**Article 28: Points to be examined by the court referred to**

The points agreed upon by the parties before the *Abunzi* Committee shall not be included in the case filed with the Primary Court.

The applicant must attach the copy of the verdict of the *Abunzi* Committee to his/her application lodged with the Primary Court. Failure to do so, the Court Registrar does not receive the application.

The court to which the case is referred considers only those points of the verdict challenged by the applicant and to which he/she raised objections before the *Abunzi* Committee. The court may request a copy of the minutes drafted by *Abunzi*, if considered necessary.

Comité d'*Abunzi* lui a été signifié, saisir le Tribunal de Base compétent.

La saisine de la juridiction est soumise au paiement préalable des frais de justice.

**Article 28: Points devant être examinés par la juridiction saisie**

Les points sur lesquels les parties au litige se sont mises d'accord devant le Comité d'*Abunzi* ne peuvent pas faire l'objet de saisine du Tribunal de Base.

Le requérant doit joindre à sa requête auprès du Tribunal de Base, une copie du verdict du Comité d'*Abunzi*, faute de quoi le greffier n'enregistre pas la requête.

La juridiction saisie n'examine que les points du verdict attaqués et n'ayant pas été acceptés par le requérant devant le Comité d'*Abunzi*. La juridiction peut, si nécessaire, demander la copie du procès-verbal rédigé par *Abunzi*.

**Icyiciro cya 5: Ishyirwa mu bikorwa ry'umwanzuro wa Komite y'Abunzi**

**Ingingo ya 29: Ishyirwa mu bikorwa ry'umwanzuro wa Komite y'Abunzi**

Umwanzuro wafashwe n'Abunzi wubahirizwa ku bwumvikane bw'abafitanye ikibazo.

Icyakora, iyo umwe mu bafitanye ikibazo yanze kubahiriza umwanzuro wafashwe na Komite y'Abunzi, urebwa n'icyo kibazo bibangamiye ashobora gusaba ko ushyirwa mu bikorwa ku ngufu hakurikijwe amategeko asanzwe yerekeranye no kurangiza imanza hakoreshejwe ingufu. Icyo gihe, asaba mu magambo cyangwa mu nyandiko Perezida w'Urukiko rw'Ibanze rwo mu ifasi y'aho umwanzuro wafatiwe kuwushyiraho kashempuruza.

Gusaba gushyira kashempuruza ku mwanzuro wa Komite y'Abunzi ntibitangirwa igarama.

Perezida ashyira kashempuruza kuri uwo mwanzuro nyuma yo kubona inyandiko y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge w'aho ikibazo cyakemuriwe yemeza ko uwo mwanzuro wafashwe na Komite y'Abunzi kandi ko utagishoboye kujuririrwa cyangwa kuregerwa urukiko.

**Section 5: Execution of *Abunzi* Committee's verdict**

**Article 29: Execution of *Abunzi* Committee's verdict**

The verdict of *Abunzi* is executed with the consent of parties to the dispute.

However, if one of the parties refuses to comply with the *Abunzi* Committee's verdict, the prejudiced party may apply for enforcement of the decision in accordance with laws relating to enforcement proceedings. In that case, he/she requests, either in writing or orally, the President of the Primary Court with jurisdiction over the place where the verdict was rendered to append to the verdict an enforcement formula.

Application for appending an enforcement formula to a verdict of *Abunzi* Committee is done without payment of court fees.

The President of the Primary Court appends to the verdict an order for its enforcement after receiving a written statement from the Executive Secretary of the Sector where the verdict was rendered certifying that the verdict was rendered by the *Abunzi* Committee and that it is no

**Section 5 : Exécution du verdict du Comité d'*Abunzi***

**Article 29: Exécution du verdict du Comité d'*Abunzi***

Le verdict d'*Abunzi* est exécuté par consentement des parties au litige.

Cependant, en cas de refus par l'une des parties de se conformer au verdict du Comité d'*Abunzi*, la partie préjudiciée peut faire appel à l'exécution forcée conformément à la loi relative à l'exécution forcée des jugements. Dans ce cas, elle demande oralement ou par écrit au Président du Tribunal de Base dans le ressort duquel le verdict a été rendu d'apposer la formule exécutoire sur ce verdict.

La demande d'apposition de la formule exécutoire au verdict du Comité d'*Abunzi* se fait sans payer les frais de justice.

Le Président du Tribunal de Base appose la formule exécutoire sur le verdict après avoir reçu une déclaration écrite du Secrétaire Exécutif du Secteur du lieu où le verdict a été rendu attestant que ce dernier a été rendu par le Comité d'*Abunzi*

longer subject to appeal or to be referred to any court.

et qu'il n'est plus susceptible de recours ou d'être porté devant la juridiction.

Perezida w'Urukiko rw'Ibanze ntashobora kwanga gushyira kashempuruza ku mwanzuro wa Komite y'Abunzi keretse gusa mu gihe ibikubiye mu mwanzuro cyangwa ishyirwa mu bikorwa ryawo binyuranyije n'amategeko ndemyagihugu. Icyo gihe, amenyesha mu nyandiko Komite y'Abunzi icyemezo cye kugira ngo Inteko y'Abunzi yafashe umwanzuro ikosore ibyerekeranye n'ayo mategeko ndemyagihugu atubahirijwe.

The President of the Primary Court cannot refuse to append to the verdict of the *Abunzi* Committee an enforcement formula unless the verdict or its execution is contrary to public order. In that case, he/she informs the *Abunzi* Committee of his/her decision in writing in order for the *Abunzi* Panel who rendered the verdict to correct it in relation to violated rules of public order.

Le Président du Tribunal de Base ne peut refuser d'apposer la formule exécutoire sur le verdict du Comité d'*Abunzi* sauf si ce verdict ou son exécution est contraire à l'ordre public. Dans ce cas, il informe par écrit le Comité d'*Abunzi* de sa décision pour que le Panel d'*Abunzi* qui a rendu le verdict le corrige en le conformant aux règles d'ordre public violées.

**<u>Ingingo ya 30:</u> Ikibazo kivutse mu irangiza ry'umwanzuro wa Komite y'Abunzi**

Ikibazo kivutse mu irangiza ry'umwanzuro wa Komite y'Abunzi gishyikirizwa Komite y'Abunzi nayo ikagishyikiriza Inteko y'Abunzi yafashe uwo mwanzuro mu rwego rwa nyuma kugira ngo isobanure kurushaho uwo mwanzuro bityo ishyirwa mu bikorwa ryawo rishoboke. Mu gihe Abunzi bari bagize Inteko yasuzumye icyo kibazo badashoboye kuboneka, ikibazo cyerekeranye n'irangizwa ry'umwanzuro gishyikirizwa iyo Komite, kigasuzumwa n'indi Nteko itoranywa mu buryo buteganywa n'ingingo ya 15 n'iya 16 z'iri tegeko.

**<u>Article 30:</u> Dispute arising from the execution of *Abunzi* Committee verdict**

A dispute arising from the execution of the *Abunzi* Committee's verdict is submitted to the *Abunzi* Committee that in turn, submits it to the *Abunzi* Panel that rendered the verdict in the last instance for more clarification on that verdict in order to facilitate its execution. In case of absence of *Abunzi* who composed the panel which examined the incident arising from the execution of the verdict is submitted to *Abunzi* Committee and examined by another panel selected through procedures specified in Articles 15 and 16 of this Law.

**<u>Article 30</u>: Litige né de l'exécution du verdict du Comité d'*Abunzi***

Le litige né de l'exécution du verdict du Comité d'*Abunzi* est porté devant le Comité d'*Abunzi* qui à son tour le soumet au Panel d'*Abunzi* ayant rendu le verdict en dernier ressort pour le clarifier davantage dans le but de rendre possible son exécution. En cas d'absence d'*Abunzi* ayant fait partie du panel qui a examiné le litige, l'incident né de l'exécution du verdict du Comité d'*Abunzi* est porté devant le Comité d'*Abunzi* et examiné par un autre panel choisi conformément aux dispositions des articles 15 et 16 de la présente loi.

**<u>Icyiciro cya 6</u>: Imyitwarire ya Komite y'Abunzi**

**<u>Ingingo ya 31</u>: Imyitwarire y'Abunzi**

Imyitwarire y'Abunzi ikurikiranwa na Biro ya Komite y'Abunzi ivugwa mu ngingo ya 9 y'iri tegeko .

Iteka rya Minisitiri ufite Ubutabera mu nshingano ze rigena imyitwarire y'Abunzi.

**<u>Ingingo ya 32</u>: Ihagarikwa ry'umwe u bagize Komite y'Abunzi**

Ibyibwirije cyangwa ibisabwe n'abaturage, Komite y'Abunzi ishobora guhagarika by'igihe kitarenze ukwezi kumwe (1) umwe mu bayigize kubera kubogama cyangwa indi myitwarire igayitse. Icyo cyemezo gifatwa nibura na bibiri bya gatatu (2/3) by'abagize Komite y'Abunzi, umwunzi ukemangwa amaze guhabwa umwanya wo kwisobanura.

Umwe mu bagize Komite y'Abunzi ashobora kuvanwa burundu ku mirimo ye n'abamutoye, igihe bigaragaye ko atagishoboye kuzuza inshingano ze.

**<u>Section 6</u>: *Abunzi* Committee code of conduct**

**<u>Article 31</u>: *Abunzi* code of conduct**

The Bureau of *Abunzi* Committee provided for in Article 9 of this Law ensures the conduct of *Abunzi*.

An Order of the Minister in charge of Justice determines the code of conduct for *Abunzi*.

**<u>Article 32</u>: Suspension of a member of *Abunzi* Committee**

At its own initiative or upon a request by the population, the *Abunzi* Committee may suspend one of its members for a period not exceeding one (1) month on the ground of partiality or any other misconduct. The decision is taken by at least two thirds (2/3) of *Abunzi* Committee members, after hearing the concerned *umwunzi*.

A member of the *Abunzi* Committee may be relieved from office by the electoral college if it is evident that he/she is no longer able to fulfil his/her duties.

**<u>Section 6</u>: Code de conduite du Comité d'*Abunzi***

**<u>Article 31</u>: Code de conduite d'*Abunzi***

Le Bureau du Comité d'*Abunzi* prévu à l'article 9 de la présente loi veille à la conduite d'*Abunzi*.

Un arrêté du Ministre ayant la justice dans ses attributions détermine le Code de conduite d'*Abunzi*.

**<u>Article 32</u>: Suspension d'un membre du Comité d'*Abunzi***

De sa propre initiative ou à la demande de la population, le Comité d'*Abunzi* peut suspendre un de ses membres pour un délai ne dépassant pas un (1) mois pour sa partialité ou tout autre comportement indigne. Cette décision est prise par au moins deux tiers (2/3) des membres du Comité d'*Abunzi* après avoir entendu l'*umwunzi* mis en cause.

Un membre du Comité d'*Abunzi* peut être démis de ses fonctions par son électorat s'il n'est plus capable de remplir ses fonctions.

Iteka rya Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze rigena uko umwe mu bagize Komite y'Abunzi avanwa ku mirimo ye.

An Order of the Minister in charge of justice determines modalities for relieving from office a member of the *Abunzi* Committee.

Un arrêté du Ministre ayant la justice dans ses attributions détermine les modalités de démettre un membre du Comité d'*Abunzi* de ses fonctions.

**UMUTWE WA V: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**CHAPTER V: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**

**CHAPITRE V: DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES**

**Icyiciro cya mbere: Ingingo zinyuranye**

**Section One: Miscellaneous provisions**

**Section première: Dispositions diverses**

**Ingingo ya 33: Urwego rukurikirana ibikorwa bya Komite z'Abunzi**

Minisiteri ifite ubutabera mu nshingano zayo ni yo ireberera ibikorwa bya Komite z'Abunzi. Ibafasha kugera ku nshingano zabo, ibinyujije mu mahugurwa, no mu kubashakira ibikoresho. Ifatanya kandi na Minisiteri ifite ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano zayo gukurikirana ibikorwa bya Komite z'Abunzi.

**Article 33: Organ in charge of supervising activities of *Abunzi* Committees**

The Ministry in charge of justice supervises activities of *Abunzi* Committees. It supports them in the performance of their duties through trainings and supply of equipment. It also collaborates with the Ministry in charge of local government in order to monitor activities of *Abunzi* Committees.

**Article 33: Organe chargé de la supervision des activités des Comités d'*Abunzi***

Le Ministère ayant la justice dans ses attributions est chargé de la supervision des activités des Comités d'*Abunzi*. Il assiste ceux-ci par la formation et la fourniture du matériel. Il collabore également avec le Ministère ayant l'administration locale dans ses attributions dans le suivi des activités des Comités d'*Abunzi*.

**Ingingo ya 34: Irangira rya manda y'Abunzi bariho**

Haseguriwe ibiteganywa n'ingingo ya 2 n'iya 6 z'iri tegeko, abagize Komite y'Abunzi ku munsi iri tegeko ritangira gukurikizwa, baguma ku murimo wabo kugeza igihe manda yabo izarangirira.

**Article 34: Termination of the term of office of incumbent *Abunzi***

Subject to Articles 2 and 6 of this Law, members of *Abunzi* Committee that are incumbent on the day this Law comes into force, keep their functions until their term of office comes to an end.

**Article 34: Echéance du mandat d'*Abunzi* en service**

Sous réserve des dispositions des articles 2 et 6 de la présente loi, les membres des Comités d'*Abunzi* en service à la date d'entrée en vigueur de la présente loi,

restent dans leurs fonctions jusqu'à la fin de leur mandat.

**Ingingo ya 35: Ibarwa ry'ibihe biteganyijwe muri iri tegeko**

Ibihe bibarwa mu minsi, bibarwa umunsi ku wundi hakurikijwe igihe bimara. Icyakora, umunsi igikorwa cyakoreweho ntubarwa ahubwo habarwa umunsi wa nyuma igikorwa kigomba kurangiriraho.

Iyo umunsi wa nyuma igikorwa kigomba kurangiriraho uhuye n'umunsi w'ikiruhuko cyangwa impera y'icyumweru, wimurirwa ku munsi w'akazi ukurikiraho.

**Icyiciro cya 2: Ingingo z'inzibacyuho**

**Ingingo ya 36: Ibibazo by'imbonezamubano byari byarashyikirijwe Komite y'Abunzi**

Ibibazo by'imbonezamubano byashyikirijwe Komite y'Abunzi ku rwego rw'Akagari cyangwa urw'Umurenge bitakiri mu bubasha bwayo hashingiwe kuri iri tegeko kandi bikaba bitarafatirwa umwanzuro ndakuka ku munsi iri tegeko ritangira gukurikizwa, bishyikirizwa urukiko rubifitiye ububasha.

**Article 35: Computation of time limits provided for under this Law**

The time limits set in days, are computed day by day up to the last day of the period. However, the day the event took place shall not be counted but rather the last day of event is counted.

In case of coincidence of the last day of the event with an official public holiday or the day of the weekend, it is extended to the next working day.

**Section 2: Transitional provisions**

**Article 36: Civil disputes pending before *Abunzi* Committee**

Civil matters pending before *Abunzi* Committee at the Cell level or Sector level, which are not under their jurisdiction in accordance with this Law and whose final verdict is yet to be rendered on the date of entry into force of this Law, are referred to a competent court.

**Article 35: Calcul des délais prévus à la présente loi**

Les délais fixés en termes des jours, sont comptés jour au jour suivant ses échéances. Cependant, le jour de survenance de l'évènement n'est pas pris en compte mais plutôt c'est son échéance qui compte.

En cas de coïncidence de l'échéance de l'évènement avec le jour férié officiel ou un jour de fin de la semaine, elle est reportée au jour ouvrable suivant.

**Section 2: Dispositions transitoires**

**Article 36: Litiges en matière civile pendants devant le Comité d'*Abunzi***

Les litiges en matière civile pendants devant le Comité d'*Abunzi* au niveau de la Cellule ou du Secteur, ne relevant plus de leur compétence conformément à la présente loi et dont le verdict définitif n'est pas encore rendu le jour d'entrée en vigueur de la présente loi, sont portés devant la juridiction compétente.

**Ingingo ya 37: Ibirego byashyikirijwe Komite y'Abunzi**

Ibirego by'inshinjabyaha byashyikirijwe Komite y'Abunzi ku rwego rw'Akagari cyangwa urw'Umurenge kandi bitarafatirwa umwanzuro ndakuka ku munsi iri tegeko ritangira gukurikizwa, bishyikirizwa Ubugenzacyaha bubifitiye ububasha.

**Ingingo ya 38: Agaciro k'ibyakozwe**

Umwanzuro wa Komite y'Abunzi wafashwe hakurikijwe Itegeko Ngenga nº 02/2010/OL ryo ku wa 09/06/2010 rigena imiterere, ifasi, ububasha n'imikorere bya Komite y'Abunzi nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu kandi ukaba warabaye ndakuka ugumana agaciro kawo.

**Ingingo ya 39: Uburyo bwo guhererekanya amadosiye n'igihe bikorwamo**

Perezida wa Komite y'Abunzi ku rwego rw'Akagari no ku rwego rw'Umurenge ashyikiriza Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge raporo y'ibibazo n'iy'ibirego bivugwa mu ngingo ya 36 n'iya 37 z'iri tegeko.

**Article 37: Cases filed to *Abunzi* Committee**

Criminal cases pending before *Abunzi* Committee at the Cell level or Sector level and whose final verdict is not yet rendered on the date of entry into force of this Law, are referred to the competent Judicial Police organs.

**Article 38: Validity of actions taken**

The verdict that *Abunzi* Committee rendered in accordance with Organic Law nº 02/2010/OL of 09/06/2010 on the organisation, jurisdiction, competence and functioning of the Mediation Committee as amended and complemented to date, and which became final remains valid.

**Article 39: Procedure and period of the handover of files**

The Chairperson of *Abunzi* Committee at the Cell and Sector levels submits to the Executive Secretary of the Sector the report of disputes and cases provided for in Articles 36 and 37 of this Law.

**Article 37: Actions introduites devant le Comité d'*Abunzi***

Les actions pénales introduites devant le Comité d'*Abunzi* au niveau de la Cellule ou du Secteur dont le verdict définitif n'est pas encore rendu le jour d'entrée en vigueur de la présente loi, sont portées devant l'organe de police judiciaire compétent.

**Article 38: Validité des actes posés**

Le verdict rendu par le Comité d'*Abunzi* conformément à la Loi Organique nº 02/2010/OL du 09/06/2010 portant organisation, ressort, compétence et fonctionnement du comité de conciliateurs telle que modifiée et complétée à ce jour, devenu définitif reste valable.

**Article 39: Procédure et période de remise et reprise des dossiers**

Le Président du Comité d'*Abunzi* au niveau de la Cellule et du Secteur transmet au Secrétaire Exécutif de Secteur le rapport des litiges et actions prévus aux articles 36 et 37 de la présente loi.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa ashyikiriza ibibazo n'ibirego inzego zikurikira:

1º Ubugenzacyaha bushyikirizwa ibirego by'inshinjabyaha;

2º Urukiko rw'Ibanze rushyikirizwa ibibazo mbonezamubano uretse ibibazo bishingiye ku masezerano y'umurimo bishyikirizwa Ubugenzuzi bw'Umurimo bubifitiye ububasha.

Ibivugwa mu gika cya mbere n'icya 2 by'iyi ngingo bigomba kuba byashyizwe mu bikorwa mu gihe kitarenze amezi atatu (3) nyuma y'uko iri tegeko ritangajwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

**<u>Icyiciro cya 3</u> : Ingingo zisoza**

**<u>Ingingo ya 40</u>: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**<u>Ingingo ya 41</u>: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

The Executive Secretary submits disputes and cases to the following organs:

1º criminal actions are submitted to the judicial police organs ;

2º civil actions are brought before the Primary Court except for disputes related to labour contract that are brought before a competent labour inspectorate.

Provisions of Paragraphs One and 2 of this Article must be implemented within three (3) months from the publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

**<u>Section 3</u>: Final provisions**

**<u>Article 40</u>: Repealing provision**

All prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

**<u>Article 41:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.

Le Secrétaire Exécutif transmet les litiges et actions devant les organes suivants:

1º les actions pénales sont introduites devant l'organe de police judiciaire ;

2º les actions civiles sont introduites devant le Tribunal de Base sauf les litiges en rapport avec le contrat du travail qui doivent être soumis à l'inspection du travail compétente.

Les dispositions des alinéas premier et 2 du présent article doivent être mises en application endéans trois (3) mois à partir de la publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda.

**<u>Section 3</u> : Dispositions finales**

**<u>Article 40</u>: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**<u>Article 41</u>: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

**Ingingo ya 42: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 08/09/2016

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

**(sé)**
**MUREKEZI Anastase**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**
**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**Article 42: Commencement**

This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 08/09/2016

**(sé)**
**KAGAME Paul**
President of the Republic

**(sé)**
**MUREKEZI Anastase**
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**
**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/Attorney General

**Article 42: Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 08/09/2016

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Président de la République

**(sé)**
**MUREKEZI Anastase**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux